# Icishe Bugufi

Jeffersonville, Indiana, USA

14 Nyakanga 1963

1 Iteka numva nezerewe cyane kuba hano. Urugendo rwacu rurenda kurangira, iminsi twagombaga kumarana irenda kurangira. Ubu nyuma yaha dufite andi materaniro i chicago kandi ni ngombwa ko nsubiza vuba umuryango wanjye i Arizona. Nturajya mu biruhuko by'igihe cy'impeshyi ngomba kujya gutemberana nawo ahantu hamwe mu minsi mike. Kubw'ibyo sinzaboneka kucyumweru noneho mu cyumweru gikurikiyeho nzatagira kubwiriza i Shikago. Noneho ngomba kugaruka vuba kuwa mbere kugirango mbajyane Arizona.

2 Ndumva bingoye kuza ku cyumweru mu gitondo, mfate umwanya aho buri wese aba agifite amavamuhira. Ku cyumweru nimugoroba muba munaniwe mwaguye agacuho. Hanyuma ngasubiza Pasteri wacu gahunda y'umugoroba wo ku cyumweru, nyakuri si byiza kuko nanjye numva bingora kubikora. Ariko ibyo nzakora ku cyumweru gitaha... iyo mfite amateraniro ku cyumweru ni mugoroba ncyura abantu bwije bakererewe. Bamwe muri bo baturuka kure, bakora urugendo rurerure baturutse iyamajyepfo n'amajyaruguru, Yookandi rimwe narimwe bakora urugendo rw'amanywa n'ijoro ari ukugira ngo bagere hano kubw'iteraniro rimwe hanyuma bagasubirayo. Niyo mpamvu iyo mpari nkunda gufata kucyumweru mu gitondo kugira ngo babone uko basubirayo.

Abagezi bajya mu bwami kandi bo kwiringirwa; mbega ngo ndabakunda! Mu kuza hano,banyura mu rubura ahantu hakonje batwaye imodoka , mu mvura n'ibindi... bambuka mu gihugu hagati bakora ibirometero n'ibirometero kubera iteraniro rito noneho ibyo bintera kurushao kubaha imana kubw'aba bantu no, kubw'inkunga yabo no gushyigikira uku kuri ngerageza kubwira abantu.

3 Nyamara, ndizera ko ibi ari ukuri, nda... n'umutima wanjye wose. Haramutse hari ikindi kintu kidasanzwe nyakuri nabanza... ntawe nzabwira ngo agire aho ajya njye ntabanje kujyayo kugira ngo mbanze menye ko ari ngombwa cyangwa ko atari ngombwa. Ntabwo nabwira umuntu ngo atere intambwe mu Mana nanjye ubwanjye ntarayitera cyangwa ntari namenya ko ari ukuri. Bwa mbere birasaba ko bibanza kuba ijambo ry'Imana, hanyuma, nkajya natera intambwe. Kubwo kureba niba aribyo bikwiriye gukorwa. Noneho byaba aribyo bikwiriye gukorwa, noneho nshobora kuvuga nti: “zamuka hano”. Murabona, ari uburyo bwo ugufungura inzira.

Kandi ,noneho, Ndatekereza ko buri mukozi w'imana wese yagombye gukora ibyo, yagombye kubanza kujyayo we ubwe. Akwiye kuba umuyobozi, umuyobozi w'abantu, ntagomba kuvuga ikintu we ubwe adashobora gushyiraho ikiganza. Tugomba kujyayo, twebwe abayobozi b'abantu.

4 Muri iki gitondo nagize ubunararibonye budasanzwe nkora ikintu gisekeje hano ku ruhimbi, ibyo byabaye nenda kugera kumusozo w'ikibwiriza: sinashakaga kubivuga muri ubwo buryo. Murabona? Ariko kandbyamaze kuvugwa kuburyo ubu ntakindi nabikoraho. Ariko Nyuma yaho ngeze murugo nafashe umwanzuro wo kubyibazaho.

Uyu munsi twagize amateraniro y'umuryango, hari gusa mwene Data n'abandi. Mama ntagihari. Twari dusanzwe dufite akamenyero ko gukorera amateraniro iwe, ariko nonaha tugiye kwa Dolorès. Twagiriyeyo ibihe byiza by'ibiganiro muri uwo mugoroba, ku mpamvundetse na Teddy yari ahari. Twaririmbye zimwe mu ndirimbo, acuranga zimwe muri zo n'ibindi nk'ibyo.

5 Noneho, ndatekereza ko wenda ku cyumweru w'igitaha mu gitondo, imana n'ibishaka niba ntacyo bitwaye; nifuzaga kuzagira mwene Data Neville, aho, mu iteraniro ryo gukiza abarwayi, amateraniro y'umwihariko ku gukiza abarwayi. Kandi nda... kandi Ndatekerezako hamwe n'ubutumwa bwo muri iki gitondo, uburyo imana yanyoboyemo kububwiriza, kubugaragaza, bwakagombye kudutera umwete ho gato. Murareba? ku_ku_ku kwizera rwose. Dushobora kwikinira,tukavuga byinshi binyuranye, tukabivugaho. Ariko, iyo, tugeze mu kigeragezo cy'imbaraga, aho biba bitandukanye cyane.

6 Uyu munsi hari uwabaraga i_ inkuru ngufi, ndatekereza ko ari mwene data wicaye hariya inyuma yavugaga inkuru ku byerekeye umuntu umwe, ubw'umukozi w'Imana wo mu...umuntu runaka wo -wo mu rusengero rwe. Yavugaga ko ashoboye kugenda hejuru y'ingiga y'ibiti.

Aravuga ngo “ nibyo, Pasiteri Imana iri kumwe nawe.”

Aravuga ngo: “Nshobora kwambuka mpetse ingiga y'igiti ku mugongo wanjye.”

“ nibyo Imana uwiteka Imana iri kumwe nawe”aragenda arabikora.

Aravuga : nshobora kwikorera ingiga y'igiti nkanambuka nsunika ingorofani byombi nkabikorera rimwe.

“Nibyo Pasiteri, Imana iri kumwe nawe. Kwizera kwawe gushobora gukora byose.”

Akomeza avuga ati:“nshobora kugushyira mu ingorofani mpetse ingiga y'igiti.”

Asubiza ati: “Oya..burekeyaho akanya gato nk'umunota umwe! Murareba?

Biba binyuranye iyo ubyiteyemo ubwawe. noneho ni byiza kuri twe kuvuga hano ngo "Amen." Ni byiza kuri twe kuvuga ngo:" ndatekereza ko ari ukuri." Hanyuma ugahita ujya ku gikorwa. Mugomba kujya ku gikorwa.

7 Nkuko nabivuze muri iki gitondo, abantu baryamaga munsi y'igicucu cya Petero, ntibigeraga basaba ko babasengera.

Ninjiye mu ngo nyinshi ibyo mbisangamo. Nsenga mbere yo guhaguruka nkinjiramo mfite gusigwa , ibyo gusa, si nsengera abantu, ndagenda, bagakira. Murabona? Nukuri. Ibyo nabonye biba inshuro nyinshi. Murabona? Ni ngombwa ko mugira icyintu runaka mufatiraho mu kwizera kwanyu, ahantu runaka. Murabona? Ni ngombwa ko mu byizera, kandi ndatekerezako igihe kigeze koko cyarangije kugera aho.

Ndatekereza ko iryo teraniro Atari rimwe muyo gufata kuri gasete birashoboka yonyine afashwe kuri kasette. Ngo baba bajya bifatira amajwi kuri gasete ntoya, ariko nyamara iyo ntigenewe kuzenguruka hose mu gihugu.

8 Ibyo navugaga mu gitondo byatugejeje ahantu hameze nko kuzamuka ukongera ukamanuka, niyo mpamvu nshaka gufata icyumweru gitaha nkagiharira gusa gukiza abarwayi. Kuva nagaruka nabaganirije kubijyanye n'amayerekwa n'ibyabyo kandi mbitindaho mbabwira n'impamvu yanteye gukora ibyo, na none muri iki mugitondo, nakomeje mbivugaho kugeza aho ngera kuri uko gukururwa kwa nyuma.

N'ubu ni igihe ngomba kwiyegurira Imana, ni igihe Imana igiye kumvugisha. Murareba? Ngomba kugira ihinduka_rito mu mibereho yanjye. Si uko naba ndi mubi, siko mbitekereza ahubwo ndumva nshaka kwiyumva hafi y'abantu. Murabona?

9 Abo bantu nagerageje kubwira uku kuri k'ubutumwa kandi bagutera umugongo bakujya kure, baragukwena. Njye ndabona ari igitutsi. Kuri njyewe ntacyo bimbwiye ariko kubyo mvuga aribyo kuri kuje kubafasha,ni nko gusunika ubwato mu mbavu zabwo ukavuga ngo:" genda murebe burambutse! Mugende, musohoke muri iyo miyaga idafite umumaro, murapfa! Mu _Murarimbukirayo! Bo barababakwena, barababaseka ubundi bakajya kure yabyo. Kuri njye niba bagiye, mfite kuba ntakindi mbanabikoraho, murareba, ntakindi nakora.

Ariko ubu ngiye kumanuka nihata, kandi, mbemeze njye ku nkombe mbarebe mbahamagare: "Ni mugaruke ! murareba ni ngombwa ko ngira iryo shyaka, murabona? Kubera ko nzi ko aho hari umuntu utarinjira. Noneho ngiye_ngiye_ kuroba kugeza ubwo... yavuze , kugeza ubwo ifi yanyuma ifatwa. Ibyo nibyo nshaka gukora nonaha.

Kandi, Kubw'ibyo, ubu ntegereje ko hari icyaba mu iteraniro ry'amasengesho. Ikintu runaka... Bamwe muri mwu muribuka iyerekwa ryo gukururwa kwa nyuma, nako gukururwa kwa gatatu, muribuka ikintu cyabaye mbere yaho: nabonye rurya rumuri ruza rumanukira hariya, aravuga: "nzagusanga yo" none ntegereje ko hari ikiba.

10 Hashize imyaka, hano, imirimo no kurondora imyuka binaniza cyane kuburyo mpinda umushyitsi. Benshi muri mwe murabyibuka. Nabaga ndi muri uwo munaniro bigasaba ko mwene data Jack Moore amfata mu kuboko na mwene Data Bwown amfata mu kundi kuboko, bakagenda bantsindagiza hirya no hino mu gihe cy'isaha, nyuma iteraniro rirangiye. Gusa nageragezaga gutekereza, ku byambayeho naho nari ndi noneho ijoro ryose, nkarara ndambaraye aho, nsikimba, mbitekerezaho nibaza impamvu batemeye Umwami wacu Yesu.

Noneho ambwira mu iyerekwa : mu gihe gito uzahura n'umugore azaza agusanga yambaye imyenda y'imidodeshanyo y'ikigina ahetse umwana mu ngobyi, icyo gihe nibwo uzagira imbaraga zikubashisha kwihangana umwanya muremure. Ibyo byose narabibabwiye, byabereye i Chicago ku mugoroba aho uwo mugore w'umupresibiteriyeni yari yoherejwaho n'umupasteri we hamwe n' uruhinja.

11 Ndatekereza ko yari umusazawe, cyangwa umwe muri bene nyina ari umuganga. Yaravuze ngo: "nta cyizere kikiriho kuri uyu mwana, keretse gusa Imana ishobora byose imukozeho. Yagiye...

Yaragiye abibwira Pasiteri we. Pastier nawe aravuga ngo : "simba_ si mbashije" aravuga ngo simbashije gukoresha gukira uburwayi guturutse mw'ijuru kuko... nyakuri ntabyo mfite muri njye,ntakwizera kwabyo mfite muri njye" nyamara, ibyo_ibyo, ni ukuba inyangamugayo ku byerekeye ibyo. Muraonba? Aravuga ngo : "nyakuri ntabyo mfite muri njye". Aravuga ngo: "nyamara mperutse mu materaniro rimwe muya mweneData Branham, none nsanze nakugira inama yo kujyana uyu mwana kwa mwene Data Branham."

Muganga yari yamukuyeho amaboko kandi yari ari gupfa.

12 Uwo Mudamu yaje kwinjira aho nari ndi, nakoraga umurimo wogusengera abana bato babagatorika bari bahiriye mu ishuri ari bazima aho, murabizi. Muribuka uko byagenze. Twakoraga uwo murimo, n'uko tubona arinjiye uwo mugore agera imbere ku ruhimbi yambaye umwenda w'umudodeshanyo w'ikigina.

Umugore wanjye n'abandi baraho, noneho ndavuga ngo... narahindukiye ndeba impande n'impande kugira ngo ndebe niba araho. Kandi byagaragaye ko mbere y'uko mpagera, ndizera ko uyu mugore ufite umwana w'uruhinja yabanje kuvugana na Billy Paul cyangwa umugore wanjye cyangwa umwe muri bo.

N'uko uyu mugore azamuka k'uruhimbi ako kanya umwuka wera ahishura byose, akiriza uwo mwana aho.

Narongeye ndagenda kandi kuva icyo gihe sindigera nanirwa. Mwareba ntibikimpungabanya kandi, nko_ nkomeza gutyo, ubudahagarara.

13 Ubu ntegereje ko hari ikintu gishyika, kugira ngo bitere imbaraga zo gukururwa kwa gatatu mu ntego irashe. Murareba? Simbizi wenda birashoboka ko hari igishobora kudushyikira no mu iteraniro ryo gukiza abarwayi ryo kucyumweru gitaha mu gitondo, ahari byazana ibyo. Simbizi. Ndatekereza ko icyo tugomba gukora ari: mu bibwire abandi, muzane ayarwayi. Ubu, mu materaniro yo gukiza uburwayi, tugomba kwita kubarwayi. Muzane abarwayi banyu, mubazane mu masaha meza yo kucyumweru gitaha mu gitondo nko mu ma saa mbiri cyangwa saa mbiri n'igice. Bazababaha ikarita y'amasengesho ni bajya kwinjira mu muryango nk'uko dusanzwe tubigenza. Noneho tuzakora umurongo w'amasengesho, dusengere abarwayi, kandi tuzabona icyo umwuka wera azakora.

Ndatekereza ko izakora ibikomeye niba tuyizeye,murareba. Ariko Tugomba kuyizera n'imitima yacu yose kubw'ibi. Ndatekereza ko ibyo bihe bikomeye bigeze none nk'uko nabivuze imana yatweretse byinshi, yatugejeje murundi rwego. Ibyo dusabwa gukora n'ugukoresha uko dushoboye tukambuka hakurya y'agasozi, murareba ni kimwe neza nabyabindi byo mu rwego rwo kurondora imyuka nabyabindi byabaye byo murwego rw'ubuhanuzi. N'ukureba ibyo ari byo.

14 Nari i Calgary... mu mbabarire gato ni mu mugi mwamikazi wa Regina -Regina. Na Ern Baxter yari ahari, twari duhari, tugize itsinda. Umwami yari amaze kumbwirira hano ku ruhimbi :"igihe kizagera aho uzatangira no kumenya amabanga yo mumitima yabo". Nibyo. Sinabitekerezaga muri ubwo buryo. Kuri uwo mugoroba nazamutse ku ruhimbi ndi kumwe na Ern ntangira gusengera abarwayi. aho umuntu araza noneho mpishura imibereho ye yose ku mugaragaro bwari bwo bwa mbere bibayeho gutyo mu bihe nkibyo ndimo nkora umurimo wo gusengera abarwayi. Noneho Nubuye amaso ndebye mu bantu, kandi mbona agendagenda hejuru y'abari bateraniye aho n'ibindi nk'ibyo.

Yoo! Ni tugera hakurya! Ntan'igice cy'amateka yahoo kiravugwa: ibi byose tubona ,iyo twitegereje tukareba ibitambuka mu buzima bw'abandi sinabona uko mbivuga,ndabereka gusa. Murareba? Keretse iyo numva mpatiwe kuvuga ikintu. Kandi noneho, ntegereje ko indi ncuro y'ubutaha, byashyirwa mu bikorwa gutyo. Murareba! Imana mu muburyo bwayo no mu gihe cyayo yigenga, ishyira ibintu mu buryo. Kandi kizaba ari ikindi, kizaba gisumbye kure ibindi bibili. Murareba? Ntegereje ko biba.

15 Natekereje ko wenda, nakora igikorwa gito cyo gusengera abarwayi ku cyumweru gitaha. Mu cyumweru kizakurikira nzaba nagiye nzajyana n'abana bazasubira ku ishuri. N'abandi, ku bw'ibyo noneho mu cyumweru gitaha birumvikana nzaba ndi I Chicago mu materaniro, nzagaruka kuwa mbere ukurikiyeho kugira ngo nzongere gufata urugendo nereke_nerekeza Arizona kugira ngo abana basubire kw'ishuri.

Nonese wabonye iki pasiteri? [Neville aravuga ngo "natahuye ikintu gitangaje ". - U.I.] ni byiza cyane ibyo ariko noneho turashaka kumenya ibyo ari byo.

Noneho Imana ibaminjagizeho umugisha mwese. Kandi nizeye kuzongera kubabona ku cyumweru gitaha no kuwa gatatu utaha

16 Mutege amatwi! Ntimwibagirwe ayo matorero mato nk'irya mwene Data ruddell, irya mwenedata jackson, irya mwenedata Parnell, nabo bene data bato barwana intambara ahongaho,murareba? Bo badufata nk'itorero dufatikanije, murareba? Turi nk'itorero rikuru kuri bo. Aha niho bavukiye niho baturutse: abashumba n'ibindi.

Uriya musore uri inyuma, nawe, mwenedata, namusanze yo k'umugoroba umwe, -Allen. Ndizera ko aho, umusore mwenedata Collins, aza kumenyana na mwene da data Allen, niba Atari amuzi. Bombi ni abakozi b'imana baba metodisiti kandi babonye -bonye ukuri kw'ijambo.

17 Kandi gahunda y'itorero ryabametodisiti, hariho abantu beza mu itorero ry'abametodisiti. Ntimutekereze ko atariko bameze. Niko bameze. Hari abantu bamwebeza muri kiriziya gatorika. Hari abantu beza mu itorero ry'abaperisebuteriyani. N'aho hose ni abagabo n'abagore bategereje kubona uru rumuri rubamurikira mu nzira yabo. Mwe nimukomeze gusa mwatse amatabaza yanyu mu guca bugufi n'imitima ituje. Twese twicishe bugufi twegere imana. Murareba?

18 Ntimwibagirwe ibi: uru rusengero ruzatakaza imbaraga zarwo. Mwibuke ko aha hantu ari ahantu satani yerekejeho intwaro ze z'ikuzimu zose, azatera umuntu gukora ibinyuranyije n'ibyo mugenzi we adatekereza. Nibyo azakora. Nibyo apanga gukora. Niko kazi ke : niba ashobora gutuma umuntu agira icyo avuga ,undi nawe akagira icyo abwira mugenziwe agira ati: "Eh ! umva uzi ibyo runaka yakoze?

Uramenye ntukabyumve. Ni satani. Murareba? Ibyo ntukabyemere.

Ntiba hari ikintu runaka yakoze kidakwiye, musengere. Ntugasenge mu buryo bwo kwikunda ahubwo gira uti: nzi ko ari ibindeba gusengera uriya mwene data. Zirikana ku mutima nyakuri gusengera uriya mushiki wacu. Vuga wiyoroheje, uciye bugufi mu gihe gikwiye, uzabona bagarutse ku materaniro. Urabona? Kuberako, ibyo ari byose, turimo kwerekeza mu gihe cy'umugoroba izuba rirenga.

19 Umunsi umwe, muri iyo umwami yesu azaza. Kandi murabizi ko bizaba ku buryo butunguranye kuburyo ijana...umwe w'ijana ku ijana b'isi yose batazabimenya,batazamenya ko izamurwa ryabaye. Bizaba mu buryo bwa bucece kuburyo nta muntu numwe uzabimenya murareba?

Hazabaho nyine udutsinda duto, tuzavuga duti: "ni byiza, noneho, hari runaka?"

Oh! Bavuga bati hariya hari abantu babafana, bati: hari abantu bamwe bazimiye, abandi bazimiriye, kandi ba... sibyose ahantu runaka tutazi. Twarangije kubibona, abantu babafana, Murareba? bazaba bavuga ibintu nk'ibyo.

" Yego baravuga ngo ka gasengero gato k'I Jeffersonville, harimo abayoboke benshi muri bo bazimiye."

Murareba, bazabihakana. Bazavuga bati:" nta kuri kurimo, murareba". Gutyo, kandi bizaba byahise nyamara ntibazabimenya na gato.

20 Bazaturuka imihanda yose mu bihugu bitandukanye, abapfiriye muri Kristo bazabanza kuzuka. Izamurwa rizabaho Itorero rizataha rijyanwe imuhira. Hanyuma hazatangira umubabaro, oh! Yewe! Yewe! Ntitwifuza kuzaba turi hano muri ibyo bihe. Sinifuza kuzaba ndi hano muri ibyo bihe by'umubabaro.Oya. Imana ibiturinde ntihazagire n'umwe muri twe uzaba ari aha mw'icyo gihe. Kuko "uwiyanduza nakomeze yiyanduze n'uwera nakomeze gukiranuka", ukiranuka nakomeze gukiranuka. Nta... umwana w'intama yagiye gufata igitabo cyo gucungurwa, n'umugeni nawe yarazamuwe. Abanze ibyo bazanyuzwa mu gihe cy'umubabaro,abayuda kimwe n'abanyamahanga. Mbega ibihe by'umubabaro! Simbishaka.

"Mwami,nyeza nonaha." Izi nizo nyigisho z'ukuri z'abanaziri, sibyo? [ mwene Data Neville ati:Amen."_U.I.] ni ukuri. Ni byo. "nyuzuza umwuka wawe wera Mwami. Nkuramo ibyisi byose Mwami. Ubu mwami nti_Ntiwemere ko tu..."

Nkuko urya mwene Data w'umwirabura w'umusaza yabivugaga: mugabo, mfite itike yanjye mu biganza. yamaze gushyirwaho ikimenyetso. Ningera ku ruzi muri cya gitondo, sinshaka ku zahura n'ibimbuza kwambuka.

Ni ukuvuga, ni nk'ibyo, si nshaka guhura n'ibintangira. Mufate tike zanyu mu ntoki kuko tugiye kwambuka hakurya . Mubitekerezeho gato: ibihe byiza byo gucungurwa biregereje.

21 Kandi noneho, ikindi. Mwene Data yitwa ngw'iki uriya hariya w'I Utica, ndatekereza ko ari mwene Data Graham, n'undi mwene Data uri hariya, nka Pasiteri. Mwene data umwe Upshutz, cyangwa ibintu nk'ibyo, ndatekereza... Ni Mwene data Snelling ariwe Pasiteri w'i Utica. Ndatekereza ko umunsi wabo w'iteraniro ry'amasengesho ari kuwa kane ni mugoroba. Noneho murabizi, byaba byiza tugiyeyo guteranirayo kuwa kane ni mugoroba tukagirana abo ubumwe bwa bene data. Murareba? Noneho mwene data Jackson nagira amateraniro ye iyo ngiyo tuzajyayo bamwe muri twe tuzajyayo.

22 Mukomeze musenge gusa, mukomeze gucukura! Nibyo, ntimucogore. Nkuko Eliya yababwiye ati :"mucukure imyobo aho ! iyo muhageze mukahasanga agasanduku k'icyuma kumweru mugira muti:" ndananiwe cyane" ? Jugunya ibyo hakurya y'inzira hariya kandi komeza ucukure gusa ni ngombwa ko ducukura. Ni ibyo gusa ntabindi. Mu byukuri , niba -niba mubara gucika imibabaro, byakubera byiza ko ujya mu murimo wo gucukura.

Ubu, kubwanjye, aha ndibwiriza njyenyine. Ngiye gutangira gucukura ku burebure bw'ubunjya kuzimu kuruta uko nacukuraga. Kuko ndatekereza ko muri iki gihugu no mw'isi yose ubu bukozi bugiye kongera ku...mu gihe buzwi ubu hafi ya hose ku isi. ngo_ ngomba kongera kugenda.

23 Umugore wanjye yambwiye... mu gitondo kimwe naravugaga ngo :"nashakaga ko umperekeza ni ngenda. Nzagenda mu kwezi kwa mbere,Imana nibishaka. Nshaka gukora urugendo ruzenguruka isi hose kandi nkazagaruka muri leta zunze ubumwe za amerika mu mpeshyi itaha."

Kandi arambwira ati :" ndi umukecuru si nshoboye kujyayo."

Noneho, ndavuga ngo : "njye nagiyeyo ubwo... hashize igihe mu rugendo rwanjye rwa nyuma rwo hakurya y'inyanja hashize imyaka umunani,ndakeka ko ndi muburyo bumeze neza ubu nyuma y'iyo myaka umunani, urazi ?" ubu mbiziho kurushaho."

24 Noneho twafashe uyu mutwe w'ikibwiriza :"Imana ivuze ngo: 'ngiye kukongerera imyaka makumyabiri

n'itanu. Ntuzanebwa cyangwa ngo ucike intege. Uzagira umurava. Ngiye kukongerera imyaka makumyabiri n'itanu yo kubaho kuri iyi si,ese wavuka mu myaka makumyabiri n'itanu,kuva kuri makumyabiri n'itanu ukagera kuri mirongo itanu,kuva kuri mirongo itanu ukagera kuri mirongo irindwi n'itanu, cyangwa se kuva kuri mirongo irindwi n'itanu ukagera ku ijana ?"

Nyamara umuntu wese wongerewe iminsi ye yo kubaho... ku isi yakora ibibi umuntu atatekezeza iyo adahise yiyegurira Imana ngo ajye ku murimo wayo muri ibyo bihe. Icyo yaba akora icyo aricyo cyose. Noneho niba mushaka kuba imyugariro y'umutima ya bagore, n'ibindi, wakwifatira imyaka y'ubuto irya makumyabiri n'itanu ya mbere. Urareba. Niba ushaka kuba umubaji, umukanishi, cyangwa ikindi gisa nacyo, byakubera byiza wifatiye imyaka makumyabiri n'itanu ya kabiri. Urareba ?

25 Noneho ntangira gutekereza : "nanjye noneho ? mpitemo iyihe iyihe ?" nahitamo guhera kuri mirongo irindwi n'itanu kugera ku ijana. Naba ngize ubwenge ndetse mbaye umunyamakenga. Naguma hamwe. Namenyera byinshi mu byo nkora. Ndi uw'imyaka icumi , uw'imyaka umunani cyangwa icumi kuruta uko nari ndi ubushize ubwo najyaga hakurya y'inyanja. Aho sinshaka guhubuka nkaho ndi kwica inzoka. Nshaka kurushaho kuhamenya. Murareba ? nzi uko mbigenza.

Neza neza ni nk'imbwa y'impigi imwe ihiga imbeba nini zinyagihuru, irwana nazo,murareba ? uba uzi uburyo bwo kuyigenza itagucika. Ntukayihubukire kuko ishobora kugutera inzara.murareba, banza wige amayeri yayo, noneho ubanze witegereze ibyo ikora. Ninako tumenya byinshi ku mwanzi. Tugomba kubanza kumenya amayeri ye yose, uburyo akora n'uburyo asatira, tukiga uburyo atera amakofe. Icyo gihe noneho tuzaba dufite imyitozo ihagije yo kumutera. Murabona.

Noneho ndatekereza ko :" nabwiye umugore wanjye ndatekereza ko ndi mu buryo bwiza buhagije noneho kuruta igihe najyagayo ubwo nari mfite imyaka mirongo ine." Urareba ? ubu mfite imyaka mirongo itanu n'ine. Ndatekereza ko niba nzaba nkiriho nkongera gukora urugendo nk'ubu, ni igihe nzaba mfite imyaka ijana, niba... niba Yesu atinze kuza icyo gihe nzaba ndi mu buryo bwiza buhagije, bwo kujyayo. Murabona ? noneho tubiziho byinshi, tuzi neza icyo gukora, uburyo tubigenza, n'uburyo tubyitwaramo.

26 Dufate urugero rwa bamwe, aho bagomba kubagwa bivuga ko hari umuganga mushya wahawe impamyabumenyi ye urya munsi arangije mu ishuri ry'ubuganga ntabwo aratangira kubaga kugeza magingo aya. Nabikore"

Yoo ! hoya, mwavuga muti : "ntacyo gukora. Oya atari uriya, oya mugabo. Ntibishoboka,sinshaka ko ankozaho icyuma cye abagisha. Noneho, nahitamo kujya kwa runaka. Uwo niwe numvise ko amenyereye kubaga. Azi uko abigenza. Murareba ? Ibyo nibyo bikwiye.

Ibyo, mubitekerezeho, ariko noneho, byagenda gute ku bugingo ? nkunda umuntu umenya aho ahagaze kandi uzi neza izira, wabanje kuyinyuramo. Yoo ! Nibyo !

27 Imana ibahe umugisha. Ni byiza, mwene data Niville, ngwino noneho. Imana ihe umugisha mwene data neville. Ntiwibagirwe, aho, ku cyumweru gitaha.

[Mwene Data Neville avuga kuri mwene data Vayle.] Mumbabarire, sinarinzi ko hariya inyuma bahatunganije. Imana iguhe umugisha Mwene Data Vayle.

28 [Mwene Data Lee Vayle aravuga ngo: "ntabwo byari byumvikanyweho mbere.] Yari yavuze ngo keretse niba mutavuganye, none mwaje. Mwene data Branham n'iteraniro baraseka._U.I.] ni byiza cyane. Ntacyo bitwaye.

Biratuma nanjye mutega amatwi. Mwene Data Vayle yavuze kenshi mbere yanjye mu materaniro, n'ibindi. Yayoboye amateraniro igihe ni na mwene data mwiza, yakoze umurimo udasanzwe. Nizeye neza ko amateraniro anejejwe no kunva mwenedata Vayle avuga. Imana ihe umugisha mwenedata Vayle.

29 Yavuze kuri byinshi, kuburyo ntashobora kugira icyo nongeraho kubwo gukosora. Ndatekereza ko byayobowe n'Imana, kugira ngo mwene data Vayle atuzanire buriya ubutumwa nyuma y'ubwa mugitondo. Noneho murareba? Ni ngombwa ko bigenda kuriya. Tubyemera nkibiturutse ku Mana. Hariya yavuze kuri byinshi, na_ na_nahise nandika ibibwiriza makumyabiri, mw'icyo gihe nkuye mubyo yavugaga.

Hari igitekerezo nagize mu rwego rwo gushyigikira ibyo yavuze. Turi kureba ku isaha ngo tumenye habaye ryari. Niba utwuma twose tugize isaha tudakoranye neza kuri gahunda kamwe ku kandi,ntidushobora kumenya isaha. Sibyo?[iteraniro riti Amen U.I.] ni kimwe, birasaba ko twese, twese hamwe niba dushaka kubone imbaraga zo gukururwa kwa gatatu zikorera imana umurimo, birasaba ko twese dukorera hamwe duhuje, duciye bugufi imbere y'imana, tukaturirana amakosa yacu,tugasenga, muri byo tukizera imana.

30 Ndizera ko ibyo mwene data vayle avuga ari ukuri ko Imana itashyira umwuka wayo mu rusengero rwanduye, rumwe rukumbi, rutumvira. Oya! Igomba kuza muri twe inyuriye mu nzira yo kwezwa kw'imitima yacu, nta forode cyangwa gukiranirwa, kugira ngo tube abejejwe imbere y'imana no kugira ngo

umwuka wayo wera adukoreremo kugira ngo asohoze ibyo. Ndatekereza ko nimuza gusubira mu rugo kuri uyu mugoroba musome mu gitabo cya Yuda murasobanukirwa byinshi ku bijyanye n'ibyo mwene Data Vayle yavuze. Kandi yavuze ngo:‟ ndwanira ukwizera kumwe kwahawe abera rimwe na rizima.” Baragutaye aho abantu bononekaye mu kumva n'ibindi biyinjizemo bakoresheje ibinyoma byabo, bajyanye abera kure y'ibintu by'ukuri by'Imana.

Kandi Imana ntishobora gukora keretse mu gihe tuyiretse igakora. Hari ibintu byinshi byiza na... kuvuga...

31 Murabizi, abantu bashaka kubona imbaraga ariko nyakuri batazi imbaraga icyo_ ari cyo. Murareba, ntibazi nyakuri icyo_ icyo_icyo zikora. Uburyo bwiza bwo kuzamuka ni ukumanuka. Buri gihe niba ushaka kubona imbaraga, urareba ca bugufi. Itandukanye n'ibitekerezo byawe by'isi uce bugufi imbere y'Imana aho niho uzabona imbaraga nyinshi nk'umuntu wiruka mu cyumba hose avuza induru. Murareba uzaba ushobora kuzigira hejuru yawe no kwishyira mu biganza bya kristo. Murareba, mukicisha bugufi imbereye. Dore izo nizo mbaraga nyazo.

Munyereke itorero riciye bugufi, rwose riciye bugufi, ridafite kwishyira imbere; Itorero ryiyoroheje, riciye bugufi, rwose nanjye nzakwereka itorero rigiriwe ubuntu ryuzuye imbaraga z'Imana muri ryo. Ni ukuri icyo nicyo cyangombwa: guca bugufi, kwicisha bugufi imberey'imana kureka Imana igakorera hagati yacu. Ntabwo dukeneye urusaku rwinshi.

32 Rimwe na rimwe, nk'uko rimwe umuhinzi yahoze abara inkuru y'uko yagiye mu murima na sharete ye, uko yateraga intambwe niko byagendaga hose bitanga urusaku nkurw'ibyuma. Na none agarutse, kuri za ntamwe urusaku ntirwumvikana namba kuberako yari apakiye, yikoreye ibintu byiza.

Noneho ndatekereza ko ari nk'ibyo, murareba: birasaba kuzuzwa ibintu byiza by'Imana, kugira ngo hashobore kurebwa imbuto z'umwuka muri twe. Ni kimwe kenshi yifashishije ibyanditswe biri mu 1 Bakirinto 13: havuga ngo: nubwo nakwitanga ubwanjye ngo ntwikwe nkagira ibyo byose ariko nkabura urukundo, ibyo ntacyo bimaze, ibyo ntacyo byamarira. Murareba, ibyo nibyo dushaka gukora.

33 Hejuru y'ibyo, ni kubw'ubugingo bwacu buri wese azabazwa ibye imberey'Imana.murareba? ni mwe mujya mu ijuru. Ikibazo si ukumenya niba njye njyayo cyangwa uriya ajyayo. Ni wowe ujyayo, murareba? Mberena mbere wowe. Mugomba gushaka ibyo bintu no guca bugufi imbere y'Imana.

Narabyitegereje kenshi, umuntu uca bugufi niwe Imana ishyira hejuru. Dufate umuntu wikomanga mu gatuza kandi wigira bamenya, umwe utashobora kugira icyo ubwira, wihenura, wishyira hejuru, eh! kandi_kandi_Niwe muntu udashobora kugira icyo yigezaho namba. Ariko fata umuntu uca bugufi ugendera mu mutuzo.

34 Ubushize, nahoze mvugana n'umuntu uri gutangiza itorero i... yasohotse mu idini ryo yahozemo. Nibyo ni mwene Data Boze, ni ryo torero bahizemo, bari bafite iryo torero rinini aho igihe kirekire kandi imana yabahaga umugisha. Hanyuma abantu baraza bashaka ibigezweho, no kwihuza n'idini. Icyo gihe, gusa... abo bakristo, baciye bugufi, baraho, ntibashakaga ibyo. Mu mibereho yabo bari barigishijwe inyigisho zitandukanye ni ibyo, noneho barigendera. Ubu bafite itsinda kandi Imana yabahaye umugisha, kuburyo ubu noneho bagiye kwimukira mu nzu nini cyane, urusengero rushobora kwakira hafi abantu bava ku bihumbi bine kugera kuri bitanu, iyo niho batangiriye.

35 Baje kundeba, baravuga bati:‟ mwene Data Branham” umunsi umwe twari twicaye hariya mu biro, ibiro by'urusengero. Noneho baravuga:‟ umwe mu ba bayobozi, mwene data Carlson n'abandi, aravuga ngo:”tugomba gukora iki?‟

Ndavuga ngo:‟ mushake umushumba, umuntu utabogamiye ku idini na rimwe, mwene data mwiza, nyakuri wiyoroheje uciye bugufi. Ubaho imibereho myiza. Ibisigaye imana izabikora. Murareba, ndavuga ngo:” umushumba mwiza uzagaburira intama, kandi wicisha bugufi, ibisigaye Imana izabikora. Niba mu... Atari umwe nyirandabizi, uzaza hariya ashyira ibi kuri gahunda avuga ko n'ibi bigomba kugenda gutya na kuriya,ibintu akabiduruvanga. Naravuze: “ibyo, ibyo Ntakizagenda ! ngira ngo aho mumaze kugera aho ”.

Niko bimeze ingingo zose mw' Itorero zigomba gukorera hamwe kandi mugomba kuguma buri wese mu mwanya we kugira ngo mumenye ibihe turimo. Twegereje ibihe kuburyo tudatekereza.

36 Nyamara, dukunda mwene data Vayle. Sibyo?[iteraniro riravuga riti: Amen—U.I.] Imana iguhe umugisha mwene data Vayle. Murakoze. Kandi urashimira Imana kuba yatuzaniye ubu butumwa bukomeye kuri uyu mugoroba.

Nakiriye akandiko hashize iminota mike. Mushiki wacu, hari ikintu yashakaga kuvuga, n'ikintu yabonye mu nzozi. Niba mubishaka mwakinyandikira mushiki wacu , na-na... yamuhaye inzozi z'ukuri. Twe ntitweneta inzozi zose. Oya,oya. Ariko iyo ziturutse ku Mana, dushaka kumenya ko ari Imana ivugana natwe.

Ni kimwe, ntitwizera indimi izo arizo zose;ariko iyo ubusobanuro buje, bukatumenyesha ibintu bizaba, nyuma tukabona bisohoye, icyo gihe dushimira imana ku bw'ibyo.

37 Turashaka gukora kuburyo ibintu bigenda neza mu mutuzo no muri gahunda y'Imana. Mwibuke ko urugingo muri rwo, ari wenda rasoro yibanze, cyangwa se ni urushinge ruto rugenda mu isaha rubara amasaha. Uko byagenda kose ni ngombwa ko twese dukorera hamwe duhuje n'ubutumwa bwa Yesu Kristo, kugira ngo ibi tubisohoze.

Mutekereze gato kuri ibi! Niba impano, ni ikintu cyiza aricyo twe twita imbaraga, na Pawulo yaravuze ngo : "nubwo nagira kwizera kose nkabasha gukuraho imisozi ariko singire urukundo ntacyo naba ndi cyo. Mubitekereze ho.

Iyo, tuvuze ngo: "ningira ubumenyi... nashakaga neza kumenya Bibiliya."

Nubwo nagira ubumenyi bwo kumenya ubwiru bwose bw'Imana, murareba nanone aho? Nubwo nagira ibyo byose, ndafite urukundo ntacyo ndi cyo. Murareba, ntacyo ndageraho na kimwe. Murabona icyingenzi, ni ugukunda Imana hamwe nabyo mukicisha bugufi.

38 Noneho mu byukuri nyuma y'iyo myaka ishize turi ku murimo mw'isi hose nyuma yo kubona abantu banyuranye, nari kugira icyo mbamenyaho cyane ku byerekeye aho umuntu yanyura yinjira. Niba ushaka kugira aho ugerana n'Imana ntukemere na rimwe ko umwuka w'ubwibone ukugeraho. Ntukemere na rimwe umwuka w'urwango ukwinjiramo. Icyo icyo ari cyo cyose umuntu yakora_ nubwo uwo muntu runaka yaba atari mu kuri ntugahembere na rimwe umwuka wo ku murwanya. Murareba? Mube abatuje n'abagwaneza. Mwibuke ko Imana yabakunze mukiri mu byaha. Niba umwuka w'Imana uba muri mwe, muzakunda n'abandi naho baba batari mu kuri. Murareba? Mubasengere gusa kandi mukundane bamwe ku bandi.

Ikirenze kwibyo, mukunde Imana kandi namwe mukundane bamwe ku bandi. Ni mube abicishije bugufi imbere yimana, mwicishe bugufi bamwe ku bandi, imana izaduha umugisha — ninde uzi ibyo izakora! Ubusanzwe iyo itorero ritangiye kugira abantu benshi no kwaguka bamaze kwiyongera cyangwa se n'ibindi nkibyo, icyo batangira kujya kure y'ikintu gakondo , y'ikintu gakondo.

39 Muzi icyatumye ibi bintu bisohora, ku itangiriro ryanjye ubwo uwiteka yangendereye ndi ku mugezi akabimbwira? Ngira ngo na mwenedata Vayle yarabibonye mu kinyamakuru muri Canada, hashize imyaka ubwo Malayika w'Umwami yagaragaraga hariya ku mugezi, byagaragajwe n'itangazamakuru:"urumuri rudasanzwe rwagaragaye ruri hejuru y'umukozi w'Imana ubwo yari ari kubatiza."

Mwaba muzi uwabikoze? Iyo dukoze amateraniro mu ihema abantu ari benshi bagera hakurya y'inzira aho dushobora kwicara tugera ku bantu hafi ibihumbi bibili Magana atanu (2 500). Harimo abakozi b'Imana baturutse imihanda yose, bakavuga ngo:"Mwene Data, ngwino hano akanya gato." Nari nkiri umusore, nari nkiri umwana. Hanyuma akavuga ati:" ese ukoresha iki kugirango abantu bagume hariya bahuje? Barakundana bamwe ku bandi ku buryo njye si ndabona abantu bakundana kariya kageni"

40 Nukubera Umwami. Icyo ni cyo iri torero ryubatseho. Ni urukundo rwa Kimana n'urwa BeneData hagati yabo. Nabonye abagabo basezeranaho, barira nk'impinja mugihe cyo gutandukana. Barakundana cyane. Nashoboraga kujya kubasura iwabo... Bibiliya yari ibumbuye kandi yatohejwe n'amarira. Ugasanga ninjoro abapapa n'abamama hamwe n'abana babo bateranye, bapfukamye, barira kandi basenga. nari naramenyereye kwicara ku kibero cy'inzu, nanjye ngatangira gusenga mugihe mbategereje, murabo. Rero, niyo mpamvu bakundaba hagati yabo. Barakundana hagati yabo.

Tumenyereye guhaguruka tukaririrmba indirimbo ya kera

Ni hababwe umugisha ikiduhuza

Imitima yacu murukundo rwa gikirisito

Gusabana kw'imitima ya kivandimwe

Ise ni nkaha hejuru

Iyo turi umwe muri bo

Ibyo biduha umubabaro w'imbere

Ariko tuzongera dusabane mu mutima

Nizeye kuzibonamo.

Et j'espère me revoir.

41 Ndavuga ibi nuzuye umunezero mu mutima wanjye, kubwa Kristo: bamwe muri bo basinziriye, mu mva zasizweho ibimenyetso, zisize ingwa hafi aha, kuri uyu mugoroba, bategereje umuzuko aho natwe

tuzongera guteranira.

Reka uyu mwuka ntuve aha hantu! Niba ibyo bisohoye umunsi umwe, noneho, uko naba ndi kose, umushumba wanyu yaba azi kuvuga atondekanya amagambo neza, umwuka wera baramurakaje, yarigendeye. Murareba? Ubwo tuzashobora gusangira byose mu rukundo rwa bene data byose bikorerwa hamwe, dukundane bamwe ku bandi. Nibwo Imana izakorana natwe.

Noneho turerekana igihe kuburyo abantu bazaza bazagira bati:" niba mushaka itorero nyakuri riciye bugufi, itorero rikunda Imana by'ukuri, rimwe muzajye hariya ku rusengero mu rebe. Ubufatanye, ubusabane bafite bamwe ku bandi, kubaha bagira iyo ijambo ririmo kubwirizwa, uko ibintu byose biba biri kuri gahunda." Nibyo, noneho mushobora kwitegereza mukameya igihe turimo.muzabona umwuka w'Imana ukorera hagati yacu: uzakora ibitangaza n'ibikomeye. Nibindi bintu byose bikorera hamwe, bigaragaza igihe. Ariko niba bitagenze bityo, muri icyo gihe, igihe kirahagarara, ntikizaba kikigaragaza isaha. Niba dushaka kumenya igihe turimo, ngaho twese dukorere hamwe mu butumwa, dukundana hagati yacu, dukunda Imana, noneho inshinge z'isaha zonyine zizagaragaza igihe tugezemo. Murabyizera? Amen.

Imana ibahe umugisha ku bwinshi.

42 Ntimwibagirwe noneho, mujye ahantu hose, muri iki cyumweru, niba hari abantu barwaye muzi, mubabwire muti: Nashakaga kukubwira ko dufite amasengesho yo gusengera abarwayi hariya ku rusengero, ku cyumweru mugitondo, kandi dore umaze igihe urwaye, none ntiwaza.

Ati, ndashaka kuza. nashaaatse kuzajyo kuva kera.

Kandi numvise ubutumwa kucyumweru nimugoroba, bwa mwene Data, avuga ngo tugomba kwaturanira ibyaha, kandi tukanasengeranirana hagati yacu, kugira ngo dukire. Yakobo 5:13 - 15, urabona: tugomba kwaturanira ibyaha mbere yo kuza gusha gukizwa indwara. Yego, Mwaturanire ibyaha hagati yanyu, kandi musengeranire. Murabona? Murabona, ni icyo yavugaga neza neza iriya mugoroba. Bihuza na Mariko 16. Mubishyire hamwe, maze murebe ukuntu indwara zikira.

43 Murebe Yesu: ntakindi yari cyo atari urukundo. Murabona? Yari Imana igaragaye. Imana yagaragaye muri We. Ntibitangaje ko ibitangaza byakozwe, hamwe n'ibindi by'amoko yose. Ubuziima bwe buciye bugufi, Ubuzima bwe bwo kwitanga; n'Ubumana bwose, Yaje hano ku isi, kugira ngo abe umuntu, kugira ngo agaragaze Imana muri We. Ibyo ni byo byamugiraga uwo yari we. Mpora mvuga ngo: Icyatumaga Yesu aba ari Imana, kubwanjye, ni uburyo yicishije bugufi. Yari umuntu ukomeye, ariko yashoboye kuba umuntu wo hasi cyane.Murabona? Ni ukuri.

Imana ibahe umugisha, mwishi. Noneho muhaguruke, tuhumuze amateraniro.

Tugerageze iriya (hari naho mushiki wacu atayizi), iyi ndirimbo:

Nihahababwe umugisha ikiduhuza

Imitima yacu murukundo rwa gikirisito

Ubusabane bw'imitima yacu

Mbese ni nkaha hejuru

44 Noneho, mugihe turirimba igitero cya nyuma, dufane mu biganza. "Ubwo tuzandukan", tukavuga gusa tuti: "Imana iguhe umugisha, mwene Data, mushiki wanjye, nishimiye kuba ndikumwe nawe muri uyu mugoroba" - ikintu nk'icyo. Uhindukire hariya. Noneho tuyiririmbe:

Iyo turi umwe muri bo

Biduha umusonga imber

Ariko tuzongera dusabane mu mutima

Niringiye kuzibonamo

Nkunda Umwami Yese, si ko biri?

Kugeza ubwo tuzahura!

Kugeza ubwo tuzahura!

Kugeza ubwo tuzahura ku birenge bya Yesu

Kugeza ubwo tuzahura!

Kugeza ubwo tuzahura!

Imana ibane na mwe kugeza ubwo tuzahura!

Dufunge amaso maze tuyiririmbe mu mwuka noneho.

Kugeza ubwo tuzahura! Kugeza ubwo tuzahura!

Kugeza ubwo tuzahura ku birenge bya Yesu!

Kugeza ubwo tuzahura!Kugeza ubwo tuzahura!Kugeza ubwo tuzahura!

Imana ibane na mwe kugeza ubwo tuzahura!

45 Mugihe imitwe yacu yunamye, Turi abana b'Imana, abana b'Imana. Tuyiririmbe bucece. Yoo,mbega ukuntu bizana Umwuka w'Iman kuri twe. Mushobora gutekereza mu minsi ya mber, mu gihe bicaraga ku mabuye? Imana ibane na mwe, kugeza uwo munsi!

Mugihe twubitse imitwe yacu, ndabaza niba mwene data Allen, uri inyuma hariya, ni mwene data mushya hagati yacu, niba yashobora gusoza iteraniro n'isengesho. Mwene data Allen.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7